

**Alison Fenning**

**umusemuzi**

**Ndahiro John**

**Ubuura  
Amaso  
Yawwe**



## Igice Cya 1

### **Ntiwibagiranye**

Imana ntiyakwibagiwe. Sinzi izina ryawe niba urimo gusoma iki gitabo ariko Imana irakuzi. Iragutekereza kandi ikwitayeho buri munsi ndetse ntijya isinzira. *“Dore ūrinda Abisirayeli, Ntazahunikira kandi ntazasinzira”.*  
(Zaburi 121: 4)

Yumvise amasengesho yawe n'ibitekerezo byo kubona umudendezo kandi izi ibyakubabaje bitewe no kugwa mu mutego wo gukora ibintu utifuzaga kuba aribyo urimo gukora. Izi ko wifuza cyane ejo hazaza heza kandi hunzuye umugisha nu burumbuke.

Urashobora Kwibwira yuko Imana itari kumwe nawe kandi yaguteye umugongo ariko icyo ni ikinyoma. Imana ireba umutima gusa kandi ikabona umubabaro Wawe n'ubutwari bwo gukomeza kubaho nubwo wasa n'uri mu mutego. Wagaragaje ubutwari cyane mu myaka myinshi

kandi uhura n'ibiguhungabanya byinshi n'ubugizi bwa nabi biterwa n'ibihe waba warisanzemo ndetse n'abantu warahuye nabo. Birashoboka ko wateye umuryango wawe ikimwaro kandi ibi byose byagusigiye igikomere kumutima. Uko guseniyuka ushobora kuzakugendana ubuzima bwawe bwose. N'ibinabyo ntabwo ari ukuri. Imana ishobora gukiza imitima imenetse kandi ikadusubiza n'ibyo twibwe. *“Akiza abafite imitima imenetse, apfuka inguma z'imibabaro yabo.”* (Zaburi 147: 3)

Guhinduka birashoboka niba ufite ubushake kandi witeguye kugira icyo ukora.

Imana irashaka gukiza ibikomere duterwa n'ubuzima tukanabigendana. Nta kintu kidashoboka ku Mana. emeje gukorana n'Imana mu kudukiza ibikomere, iratwegera ikaduha ibyiringiro no guheburwa. Ntibishoboka gusubira kuba abo twaribo, mbere yuko tunyura mu nzira yijimye, ariko birashoboka ko Imana izana umucyo n'ubwiza ahari

umwijima. Iyo tugundiriye ibikomere no gutsindwa tuba twubaka urukuta rw'akato. Amatafari yubaka urwo rukuta harimo: Kubabara, intimba, inzika n'uburakari. Ibi bivuze yuko dusitara ku muntu wese ugerageza kutwereka urukundo nubugwaneza cyane cyane Imana. Dukeneye igitangaza kugira ngo urwo rukuta rusenyuke. Iyo turi kumpera y'umuhanda kandi tudashobora gukomeza ukundi, ibi bituma inyundo igwa mu kuzana urukundo rukora ku buzima bwacu n'impano yo kubabarirana.

Yesu yasenze isengesho rikomeye mu gihe yaramanitse kumusaraba w'isoni abambwe kugira ngo bose babirebe, ati *“Data, ubabarire kuko batazi icyo bakora”*. (Luka 23:34) Muri iyo mibabaro n'ubugome biteye agahinda yabashije gusenga. Iyo dukoze dutyo, Imana iherako ihembura ubuzima bwacu. Kwibabarira ubwacu nabyo aho twikomereje ndetse n'abandi. Ubura amaso yawe wirebe nk'uko Imana ikubona; uburyo butangaje.

*“Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba butangaza, Imirimo wakoze ni ibitangaza, Ibyo umutima wanjye ubizi neza”. Zaburi 139: 14*

Yesu yiyise umutsima w’ubugingo. Yagendaga akiza abarwayi, abohora imbata hanyuma atanga ubuzima bwe nk’igitambo ku bwacu kugira ngo dushobore kugirana ubucuti bwa hafi n’Imana, Data wo mu ijuru. Igihe nari mu bihe by’umwijima mubuzima bwanjye nari nzi ko iyo nshobora gutinyuka kwizera ko Imana izanyitaho, yarishoboye kunfasha no kunkura mu mwijima. Yesu niwe sōko y’ubuzima bwose. Ashobora kukureba no kugukura mu bintu bikwangiza binakwica iyo ukuboko kwe kuri ku buzima bwacu.

Umwijima narwanye nawo wari hanze kandi ibi byazanye umwijima mubice byumutima wanjye. Nahindutse umuriganya numva ubuzima butari bwiza kuburyo nirakariye ubwanjye nabantu bose bangose. Muburyo bwinshi byari bigoye ko Imana igera kuri njye kuko nari narafunze umutima

wanjye n'ubwenge kuri we nkana.  
Narababajwe cyane nashakaga  
kunyura mubuzima vuba bishoboka.  
Ariko Imana ntiyari yaranyibagiwe  
nkuko itakwibagiwe. Yantumyeho  
abantu banyereka urukundo  
n'ubugwaneza nari nari narananiwe  
kwakira.

Ibi ntabwo wabyumva cyangwa ngo  
usobanukirwe ko Imana igukunda  
kandi ishaka kugufasha. Nzi abagore  
benshi bari mumibereho nk'iyanyu  
bambwira ngo narasenze ariko  
ntabwo yamfashije, ntabwo yantabaye  
kandi nta n'umuntu yanyoherejeho  
igihe nahohoterwaga. Utekereza  
ko atigeze yumva gutaka kwawe  
cyangwa ngo abone amarira yawe;  
ariko yarabyumvise kandi yohereje  
umuntu niyo mpamvu nkwandikiye iki  
gitabo. Kugufasha gutangira kwizera  
no gukoresha ubutwari ukoreramo  
kugirango ubashe gusohoka, ubone  
ibyiringiro ndetse amaherezo ubone  
n'umudendezo.

## Igice Cya 2

### **Ibuka Uwo Uriwe**

Uribuka uko wari umeze mbere yuko ubuzima bukwica rubozo cyane? Nisanze ndi mu mwijima mwinshi cyane ku buryo ntari ngishoboye kwimenya. Nari nzi ko mu buryo runaka nzakomeza kuba nnyewe kubera uko numvaga umutima wanjye wigunze muri njye. Ariko sinari nzi neza uburyo nzongera kwiyakira. Nzi neza ko rimwe na rimwe wicara ukiumva utyo nawe.

Nakundaga kugwaneza, kugira ubwitonzi, impuhwe n'isoni.

Mu myaka yanjye nkitwikiriwe n'umwijima nahindutse umarakare, mpangana ndetse n'itege.

Mu marangamutima ntacyo numvaga kandi nta muntu nitayeho cyane cyane njye ubwanjye. Nakunze gutekereza ko nahitamo gupfa kuruta kubaho kandi naraguye mu mutego w'umutima ubabare, ubukene n'inzangano zari zingose.

Mu byukuri nakundaga kandi nkumva nakwitwara nk'uko meze—umugore mwiza, witonda, w'impuhwe n'isoni Imana yandemeye kuba. Kugira isoni ntabwo bivuze ko ntashobora kugira icyo mvuga. Mu byukuri Imana yampamagariye kuba umubwiriza butumwa bwiza kugirango nshobore kugira icyo mvuga kugirango mfashe imbohe kubohoka. Umuntu uzi kandi wumva ububabare bw'ubuzima kugirango nshobore kwamamaza no kubwiriza iby'umutima wabayeho mu mwijima mwinshi. Ubu noneho nzi uwo ndiwe kandi nkabyishimira.

Ni gute dushobora kongera kuba abo twagombye kuba turibo? Iyo tumaze kuzimira bishobora gufata isura yundi kugirango dushyire indorerwamo hejuru noneho ukabasha kuvuga uti nshobora kubona iyi mico yihishe imbere muri wowe nka diyama y'agaciro itegereje guhishuka. Hari umuntu wankoreye ibi. Nkiri mu mwijima Imana yohereje umuntu nk'uko ikunyoherejeho kugira ngo nkubwire ko nizera ko wabishobora



ugahindura ubuzima bwawe. Ndabona ubushobozi bwawe bwo kwivana mu mabi yakuranze maze ukiyubakamo ikintu cyiza.

Ugomba kuva mu mibereho yo gupfa kubaho, ukabasha kubaho uri mu migambi y’Imana n’intego zayo ku ubuzima bwawe. Imana ubwayo niyo ifite urufunguzo rukwinjiza mu ntambwe ikurikira mu rugendo rw’ubuzima bwawe, *“Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! ni ko Uwiteka avuga, “ni amahoro si bibi, kugira ngo mbareme umutima w’ibyo muzabona hanyuma”.* (Yeremiya 29:11) Bisaba igihe, imbaraga hamwe no guhinduka mu mitima. Benshi bakunda igitekerezo cyo guhinduka ariko bake ni bo bakora umurimo uzana impinduka.

Kugira umuntu ukwemera bigufasha kwigirira icyizera, bityo impinduka zikaba zashoboka. Ntabwo nishimira ibirango twishyizeho ubwacu cyangwa abandi bashobora kudushyiraho. Ku rugero, niba warabeshyaga cyane ubeshya ntabwo ari we uri

we. Birashobora ko icyo cyaba ari ikintu wakoze kandi ukaba ushobora guhitamo kurushaho kuba umunyakuri. Urufunguzo ntabwo ari ukureka ibyo birango bitanga ishusho y'uwo uriwe nk'umuntu. Nk'uko icyapa gishyirwa ku icupa rya koka, igihe kirageze cyo gukuraho icyapa gishaje maze ugashyiraho igishya kuri wowe uriwe by'ukuri. Mu gihe ubarira abandi inkuru yose y'ubuzima bwawe, umutima wawe uzatahura uwo uri we. Reka ubuzima bwawe buvuge kandi wumve uwo uri we utitaye kubyo wakoze. Ur'umugore, umukobwa, mushiki/umuvandimwe, nyina, nyirakuru, umugore, nyirasenge, inshuti kandi buri wese muri mwe usoma ibi azagira imico imeze nk'ubutunzi bw'ubuntu, kugira neza, kugwa neza, ibyishimo bihishwe ariko bikeneye kongera gukorerwa imyitozo. Tekereze wiyibutse uko wari uri ukiri umwana maze wongere kuba uwo. Shakisha aho hantu muri wowe wige kongera kwishimira ubwo buzima. Iyo tumaze gukura byose biba bikomeye,

tuba tugomba kwigira kongera kurota no tugatangira gukora ibiruma izo nzozi zacu ziba impamo. Nk'umwana nashoboraga kurota ko umunsi umwe nzagira urugo n'uburyo nzarutunganya neza kandi ko nzagira n'umuryango uzakundana kandi ugirirana neza. Nta burakari bwazaba mu rugo rwiza. Rwazaba rutandukanye n'imibereho nakuriyemo. Narotaga ku nzajya muri Afrika nkaba umumisiyoneri. Imana yampaye icyifuzo cy'umutima wanjye. Ni iyo kwizerwa! Ntidushobora guhindura abandi bantu n'ibyo bakora, ariko nshobora kwihindura ubwanjye cyane cyane n'umutima wanjye n'Umwuka Wera ukorera muri njye uko bukeye n'uko bwije akampindura ngo nse na Yesu Kristo, umwana wimana.

Bibiliya ivuga ko dufite ubushobozi bwo kwiyambura uburakari, umujinya, kunangira umutima n'ibindi binyuze mu mbaraga z'Umwuka Wera utuye muri twe *“Kandi ntimuteze agahinda Umwuka Wera w'Imana, wabashyiriweho kuba ikimenyetso,*

*kugeza ku munsi wo gucungurwa. Muzibukire uburakari bwose, umujinya n'intonganya no gusebanya, hamwe n'ubugizi bwa nabi bwose. Mugirirane neza kandi mugirire impuhwe, mubabarire, nk'uko muri Kristo Imana yakubabariye” (Abefeso 4: 30-32)*

Igihe twizeraga ko Yesu ari umwana w'Imana wapfuye azize ibyaha byacu, ko dushobora kugirana umubano n'Imana Data, twakakiriye Yesu ngo aze mubuzima bwacu kugira ngo adukize. Kuva uwo munsi Umwuka Wera w'Imana ukorera muri twe akadushoboza kubaho ubuzima bwejeje iyo tubihisemo.

Mu byukuri rero, inzosi zacu zirashoboka kandi icyo bidusaba nicyemezo gusa. Wabaye uwundi ubitewe no kugirango wirwanirire, ariko mu guhisha abo turibo by'ukuri, twisanga turwanya Imana yacu.

Mu marangamutima uzongera kumva ibyakunaniye kandi ukaba wanarira cyane. Nyamara uko niko umutima ukira. Twubatswe mu buryo tubasha kugira amarangamutima

no kumva dufite agahinda,  
umunezero, uburakari, urukundo  
bidusimburanamo. Imitima yacu  
ikizwa kubwo kureka ububabare  
bwose bukatuvamo kugira ngo Imana  
ibashe kutwuzuzamo urukundo.  
Yesu yari umuntu umunyamubabaro  
iyo yitegerezaga abantu akabona  
ububabare bwabo. Yatuzaniye  
inzira idukize imibabaro ikatugeza  
mu munezero wo muri we. Habaho  
kugurana duhaye Imana ibibabaro  
yacu mu cyimbo cyabyo ikaduha  
amahoro n'urukundo.

## Igice Cya 3

# Kurandura Ubukene Bwo Mu Mwuka Na Kamere

Kuva mu bukene ni nko gusenya inzu ukayubaka bushya ugerekeranya itafari Kurindi. Dushobora kuvukira mubukene cyangwa dushobora kunyerera mubukene buhoro buhoro binyuze mubintu bitubaho. Umuntu wese uriho agira ibihe bitoroshye kandi nanone agahura n'ibibazo bigoye mugihe runaka. Hari gihe mu buzima duhura na kaga ko kubura abantu dukunda kandi ibyo nabyo birushaho kutuabaza cyane. Dufite ubushobozi binyuze mu mana uko duhitamo nuko dusubiza ibyo duhuranabyo n'ukotwakira. Bamwe bahitamo gushinja Imana ntibayemere mu buzima bwabo, ariko Bibiliya ivuga ko hari undi ushaka kuza nk'umujura nijoro kugira ngo yice, yibe kandi arimbure ubugingo *“Umujura antazanwa n'ikindi keretse kwiba, no kwica no kurimbura, ariko*

*iyeweho nazanywe no kugirango ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi". (Yohana 10:10)*

Yesu yari afite amakuba ariko byose yabitsindishije gusenga no gukunda Imana ariyo data. Yari azi ko ntakintu gishobora kumutandukanya nurukundo rw’Imana; byaba ubutunzi buhebuje dufite *“kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw’igihagararo, cyangwa uburebure bw’ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kumutandukanya n’urukundo rw’Imana ruri muri kristo yesu umwami wacu”*. (Abaroma 8: 38-39)

Bibiliya ivuga akamaro ko kurinda umutima wacu kuko ibibazo byose mu buzima duhura nabyo ariho bituruka. *“Rinda umutima wawe kuruta ibindi byose birindwa, kuko ariho iby’ubugingo bikomoka. Ikureho umunwa uvuga iby’ubugoryi ureshyire*

*kure yawe.” (Imigani 4:23-24)*

Iyo tunaniwe kurinda umutima wacu bituma tumera nkabandi baba baratubabaje. Uburyo turinda umutima ni ubuhanga bwo kwiga. Ni ukutareka umujinya, inzika cyangwa kwanga abandi ngo bishore imizi. Ibyo tuvuga kubandi bishobora no kutugiraho ingaruka dukurikije uko mu migani havuga. Ibihe bibi bizatuvugisha kandi bitugeragereshe kugira uburakari, inzika n’inzangano, ariko umenye ko iyo tugize uburakari, ishyari, umujinya, ubugome ibyo bintu byose Bibiliya itubwira ngo twirindire kure ntibizinjire mu mitima yacu ngo bikure bigere kurugero rwo kuba ibiti binini. icyo giti iyo gikuze gishobora gutuma tuba abakene mubyumwuka. Ahubwo Zamura amaso yawe utangire kuvuga ibintu byiza gusa.

Nahanganye no kwangwa mw’Itorero mu bihe bitandukanye. Umutima wanjye nijwi ryanjye ntabwo byigeze byunvikana; ibi biragoye, cyane cyane mugihe hari icyo Imana yaguhamagariye gukora. Byakundaga



kuntera umubabaro mwinshi kuko ntakirwaga uko bikwiye. Umunsi umwe, Imana yambwiye kuriyi ngingo iti zibukira ibyo byose bagukoreye kuko bikomeze ntibazi icyo bakora. Ibyo twibwira ko aru kwangwa akenshi nu guhabwa ikindi kerekezo n’Imana. Nuko rero nize gusenga no kurekura abangiriye nabi kandi numvaga meze neza muri njye nta soni kandi narekuwe. Narebye uko guhabwa ikerekezo kwazanye no gukingurirwa imiryango ahandi hantu heshi. Birababaza kurekura kandi nagize intimba mumutima wanjye kuko nashakaga aho mbarizwa, ariko Imana izahora ihindura ibintu neza. Ndaguha iki nk’urugero rwo kunesha mu Mana natwe tugenda twicisha bugufi aho gufata inzira y’uburakari n’inzika bishobora kutuzanira kurimbuka kuko ari uburozi mu mwuka no mubugingo. Isi yuzuyemo abantu babaho ku giti cyikibi aho kuba igiti cy’ubugingo. Ntibabimenya. Igiti cy’ubugingo gishibuka mu mbuto ya Yesu kandi cyera imbuto nziza naho igiti kibi kiva

ku mwanzi, cyera imbuto mbi. Kuba umukire mu mwuka biva mu kugira imbuto ya Yesu muzima mu mitima yacu. Ntidushobora kugira ubutunzi mur'isi ariko muburyo bwa Kristo turakize cyane. Yesu yavuze kubika ubutunzi mw'ijuru atari muri iy'isi kuko bizasahurwa cyangwa bwangirike. Gutera imbere ntibishobora kuba intego cyangwa igipimo cy'imiterere y'ubuzima bwiza. Mubushake twese tuva kuri iy'isi ntacyo tujyanye. Iyo dufite Imana idusaba gusangira n'abandi ibyo dufite. Ariko ugomba gusaba Imana ikuguha ibyo ukeneye byose kandi ikanahaza ibyiza ubuzima bwawe. Ukoresheje amahirwe uhabwa n'Imana neza byagufasha gutangira gufasha umuryango wawe. Bibiliya ivuga ko *tudafite kuko tudasaba (Yakobo 4: 2-3)*.

Gukurikira Yesu no guhindurirwa gusa nawe, uzabona ko Imana izakwongerera ibyo wari ukeneye. Nahantu h'ubwisanzure kandi reka icyubahiro cy'Imana kiboneke kubari hafi yawe iyo yongeyeho ikintu mu

buzima bwawe. Iyo Yesu ari muzima imbere muri twe dushobora guhinduka vuba kandi naza azakiza imitima imenetse nkuko byasezeranijwe.

## **Isengesho**

*Mwami Yesu ngwino tubane.*

*Ngwino ukize umutima wanjye wakomeretse.*

*Ngwino uzane ubuzima ahantu butari muri jye.*

*Ngwino umbabarire inzira zanjye n'ibikorwa byanjye.*

*Ngwino unkuriho isoni.*

*Ngwino unyereke ubuzima bushya bubonerwa muri wowe.*

*Nyereka umuremyi 'Imana', se w'isi n'ijuru*

*Murakoze.*

*Amen.*

Kugira ngo uve mu bukene bw'umubiri bisaba ibyiringiro kuba mu mutima. Ibyiringiro bizanwa n'ubutunzi bwo mu mwuka. Niba dukura mu buzima bwacu bw'umwuka noneho ibyiringiro bishobora kumera nkisōko mu gihugu kitarumbuka. Ibyiringiro bizana icyerekezo ; ubushobozi bwo kubona ibirenze ikibazo imibereho yawe. Iyerekwa rizana kwizera kandi iyo utangiye kwizera ikintu cyose kirashobora.

Kugira icyerekezo ni byiza. Ariko iyerekwa ntirizabaho nta gahunda y'uburyo bwo kurigeraho. Iyo tujya ahantu hashya dukenera gahunda yukuntu twagerayo bitabaye ibyo ntituzahagera. Urashobora kwandika gahunda hanyuma ukandika intambwe uzakenera gutera kugirango ugereye. Ibitangaza bibaho iyo dusenze. Bibiliya itubwira ko Imana ihora ireba kandi y'umva amasengesho y'abakiranutsi, aribo wowe na njye iyo dufite umwami wacu Yesu muri twe.

Nari mfite iyerekwa ryo kwiga kugirango nshobore kwigisha

Bibiliya no gufasha abantu kw'isi yose muburyo bufatika. Imana yumvise amasengesho yanjye ica inzira. Nigeze gukenera aho ndyama hanyuma Imana inkingurira umuryango mushuti mbona aho mba. Nigeze gukenera amafaranga kugirango nshobore gukora umurimo w'Imana mu bwongereza Imana icira inzira. Ibitangaza bibaho iyo dusenze. Nugusenga ubudasiba nkumupfakazi muri Bibiliya kandi ukabona Imana igukorerera icyo uyisaba. Ushobora gukenera ibintu bitandukanye kuri njye nk'ibiryo, aho kuba, imyenda, inkweto nakazi kugirango uzane imari mu muryango wawe rero inama na kugira senga ukurikije ibyo ukeneye. Yesu aravuga ati "Nimusaba muzahabwa ni musaba mwizeye ko muhawe". Iyo twizeye ko Yesu ari umwana w'Imana kandi yapfuye azira ibikorwa byacu by'icyaha, ibitekerezo nibwo ibyiza by'Imana bizatangira kugaragara mu buzima bwacu.

Amasengesho ubu ni ubuzima bwanjye bwaburi munsi. Imana ihora

ishaka kugira uruhare mu mpinduka kuko ari yo mwubatsi ukomeye. Iyo dusenze tuba tuvuze ko tudashoboye gukora iki kintu runaka ahubwo dukeneye ubufasha bw’Imana. Uko nu kwicisha bugufi imbere yayo. Jy’u sengerera buri ntabwe ugiye gutera. Murubwo buryo iyo tugeze kandi tukabaho uko iyerekwa ryacu riri Imana ihabwa icyubahiro. Noneho babandi bahakana ko Imana ibaho bazayibonara kandi bayimenye binyuze mu buhamya bwawe. Nuko ineza, n’imbabazi, mu rugendo rwawe bizagaragaza ko wahindutse.

Niba udafite icyerekezo cy’ejo hazaza senga Imana izaguha icyerekezo. Gishobora guturuka mu nzosi cyangwa binyuze mu Mana igukingurira umuryango w’impinduka. Ariko mubunararibonye bwanjye ni amasengesho ahindura byose ntabwo ari ubwenge. Niba udafite amashuri humura hari ibyiringiro bishobara kugushyiriraho inzira za gukura mu bukene.

Igice cya 4

## **Kubungabunga**

Twe ubwacu tumeze nkimashini zigomba kubungabungwa.

Dushobora kunanirwa tukaruha kandi tukuvantanicyo tugishoboye.

Birakenewe ko dufata umwanya wo kuvugurura imibiri yacu, kuruhuka ibitekerezo byacu no kurera umwuka

w’Imana muri twe. Bisa nkimoteri y’imodoka yangeze urugendo rurerure izakenera ubwitonzi bwuje urukundo mugihe runaka cbitabaye ibyo

ishobora kwangirika ahantu runaka; ni kimwe kuri twe. Tugomba gukomera kugira ngo tumenye neza ko natwe twiyitaho ubwacu. Bibiliya irasaba ko *“Ukunde mugenzi wawe nkuko w’ikunda “.* (Mariko 12:31)

Ntitwashobora guhora iteka dutuye hejuru kumpinga y’umusozi. Ariko dukwiye kwigira uburyo twakwitwaramo tugeze mu buzima bumeze nkikibaya

*“Uwiteka ni umwungeri wajye sinzakena, Andyamisha mucyanya*

*cy'ubwatsi bubisi, Anjyana iruhande rw'amazi adasuma". (Zaburi 23: 1-2)*

Nigute dushobora gukomeza gukura mu Mana no gukomeza kwizera kwacu. Nkiri muto natekerezaga ko nzi Imana icyo aricyo ndetse nibyo yakoze. Ariko uko nkomeza gukura nkagira nkagira n'ubwenge mbona ko ngifite byinshi byo gusohokamo no kwiga. Turakomeza kwiga ibyerekeye Imana mugihe dusubiza amaso inyuma tukabona ko yagiye igira uruhare mu buzima bwacu kandi yagiye ikorera ahatagaragara kugirango izane ibyiza byayo tubashe kubibona. icyo nzi nuko tudashobora kubona ibintu bishya by'Imana mugihe tundahagaze hamwe ngo turindire. Gukura mu buzima bwacu n'urugendo rutwara ni igihe kitari gito.

Dushobora kurera uruhande rw'umwuka muri twe binyuze mu masengesho no gushora imizi mu bumenyi bw'ijambo ry'Imana; Bibiliya. Iyo twiga ijambo ry'Imana tuba dushira izira n'ijwi ry'Imana mu bitekerezo byacu, nuko ibitekerezo, n'ibiyuviro



n'ibikora byacu bigahinduka. Ijambo ry'Imana rimeze nkinkota ya mongi abili, riracumita rigahinguranya rikagaragaza aho tudatunganiye Imana, ariko nanone rizana umucyo umurikira izira tunyuramo. Gusengera hamwe n'abandi nibyingenzi nibwo buryo twiga gusenga, twumva gutaka k'umutima w'umuntu kugana Imana kandi tubona kwicisha bugufi mubikorwa. Tudafite Imana ntacyo dushobora gukora ariko nonene turikumwe nayo ntacyo tutashobora gukora. Gusenga ni nka terefone yacu igendanwa bikomeza kuduhuza nayo, ibyo kugirango tubigereho bidusaba guhora ducometse kurutsiga ritwa amasengesho.

Imibiri yacu ikeneye kuruhuka no kwitabwaho kugirango ikore neza. Kuruhuka n'ibyiza kuko twumva ibyo Imana ivuga iyo turuhutse mu mubiri no mu bitekerezo byacu. *“Yagaruye ubugingo bwanjye” (Zaburi 23:3)* Kugira ngo Imana idusubize tugomba kuruhuka. Eliya mu 1 Abami 18 Yari akeneye kuruhuka. Yararyamyeye,

afite ibiryo kandi yumva Imana.  
Yumvaga imbwa zigiyeye kumwirukana  
z'ikamurya. Yashakaga gupfa  
yari ananiwe cyane. Ariko Imana  
yaramuryamishije arasinzira kandi  
aruhuka kugirango agarure ubugingo  
bwe. Kumuvana ahantu atashakaga  
gutura ikamukyana ahantu ho  
kwizera mu urukundo rw'Imana aho  
yahagurutse agakomeza urugendo mu  
buzima bwe.

Murugo nshobora gukora ibintu  
bifatika nko guteka cyangwa gukora  
isuku kugirango nduhure ubwenge  
n'umubiri cyangwa kwita ku busitani  
bwanjye. (*Imigani 17:22*) harasaba  
guseka hamwe n'inshuti umutima ku  
w'undi wishimye kuzamura ubugingo  
kukana garurira umubiri kunezerwa.  
Iyo nkora ibintu ntabwo ntekereza,  
guhanyika cyangwa guhitamo nabi  
kubera kunanirwa no kunanirwa.  
Mugihe dusubije ibintu mu buryo  
bufatika ibitekerezo byacu biraruhuka  
kandi bigarurwa busha.

Dawidi muri Bibiliya yari afite  
isengesho "*Unsubizemo kunezezwa*

*n'agakiza kawe, unkomereshe umutima" (Zaburi 51)*

Dawidi muri Bibiliya yabajije Imana. Nawe yari yarahindutse akazi kandi arwana no kubona ejo hazaza he. Iri ryari isengesho rye rero mugihe utazi icyo gusenga nawe usajye usengera mu mirongo ya Bibiliya ujya wumva igihe umubwiriza butumwa yigisha mw'itorero cyangwa mugihe usoma Bibiliya. Komeza usenge byoroshye kandi mugihe utazi gusenga reka Umwuka Wera agusengera mu kuvuga mu ndimi nshya. Bizakomeza ibitekerezo byawe, umubiri wawe kandi bihe umugisha umwuka w'Imana muri wowe.

Dawidi yarabyinnye kandi kuririmba abigira nk'ubuzima bwe bwaburi muni. Yari umuntu wibyishimo kandi umutima we warabigaragazaga. Imibereho yacu izimukira mubikorwa byacu by'umwuka. Kuramya no guhimbaza bizamura umuntu wacu w'umwuka kandi byoroshe umutwaro twikoreye mu mibiri yacu. Iyo dutangiye kubyina twimura

ububabare bwacu bw'imbere tukagira umunezero. Ibyishimo bya Nyagasani nimbaraga zacu kuburyo kugarura ubugingo bwacu twikuramo ibibi. Imana yaturemeye kubyina n'impano yo kudufasha. Yaturemye kugirango duhimbaza zina ryayo nkuko nayo ihindura wa mw' w'imbere muritwe mugihe turirimba kandi tunayihimbaza dusaba ngo yohereza ukubaho kwayo kandi yohereze imbaraga zikiza mu mitima yacu.

Igice cya 5

## **Ba Umwizerwa**

Nize mu myaka myinshi ko tugomba kwigirira icyizere. Ibi bizanwa no kwiyizera wowe ubwawe. Kugira imitekerereze ya ndashobora aho kuva ko ntacyo wageraho cyangwa se imitekerereza ya ntibizakunda. Mugihe uzatangira kwiyizera n'abandi bazatangira ku kwizera no kwemera amahitamo yawe. Uzakenera kugira urugendo rwo kureba ko ushobora kwizera kandi nawe ubwawe w'iyemereramo. Abantu bazakenera kubona, kumva no kwibonera impinduka zacu kugirango batwizere. Igihugu cya mbere nabwirijemo ubutumwa bwiza n'icya Uganda. Sinari narigeze mbikora mbere kandi nta numwe wari waranyeretse uko bikorwa. Ariko nizeye ko nshobora kubikora nuko ndabikora kandi mbikoze byabaye byiza. Iyo ntaza kwiyemeza ngo ngenda birashoboka ko ntari gukora ibyo nkora uyu munsi.

Kwigirira ikizere no kugerageza ukujya mu bintu bishobora ku kugeza mw'isi nziza w'ifuzaga guturamo.

Niba ushobora kwibona uva mubihe by'umwijima wari urimo uba ugeze hagati yo gushyikira igitangaza cyawe. Niba urufatiro rw'ubuzima bwawe rushingiye ku Mana ni byiza, niyo mpamvu ushobora gushingira kuri urwo rufatiro ukabaka icyizere nu bushizi bw'amanga. Wowe nyawe uri hafi kuvayo ukigaragaza. Kwiheba ni umusaruro wibyo twanyuzemo cyangwa ibyabaye mu buzima bwacu. Umwuka wacu warashenjaguwe. Imana yasezeraniye ibinyujije ku muhanuzi Ezekiyeli ko aho amagufwa yacu yumye kandi umwuka wacu ukaba wapfuye, azashyiramo umwuka mushya muri twe kandi azure amagufwa yacu yumye. *(Ezekiyeli 37: 1-14)*

Iyo usabye Yesu Kristo umwana w'Imana kuza agutura muri wowe kubw'imbaraga z'umwuka wera uzatangira guhinduka biturutse imbere muri wowe. Ubushizibwamaga

bushobora kwigwa nkubumenyi kandi kwigirira icyizere n'impano izanwa no kuba ufite umutekano mu Mana. Pawulo undi muyobohe wa Yesu muri Bibiliya yaravuze ati "Nshobozwa byose na kristo umpa imbaraga". Saba Yesu aze kubana nawe uy'umunsi hanyuma utangire inkuru nshya y'ubuzima bwawe. Vugana n'Imana buri munsi, reba ko ubona abandi bizera bashobora kuba inshuti zawe.

Nigute twatangira kuririmba indirimbo nshya mu mitima yacu? Ni mu kunywa amasezerano y'ijambo ry'Imana mu mitima yacu no mubitekerezo byacu nk'ibintu bidutera imbaraga. Iyo tumaze kumenya amasezerano ari muri Bibiliya dushobora gutangira gusenga no kwibutsa Imana buri sezerano. Mugihe uvuga usengara mu masezerano buri munsi utangira kumva icyizere cyawe gikura. Ijambo ry'Imana rifite imbaraga nkuko nijwi ryayo rivuga mu mubanditswe kugirango rishobore kugira imbaraga zo kudukiza mu mwuka, mu mubiri

no mubitekerezo. Ibi noneho biratubohora ku girango dutumbere Imana aho kwirebaho. Turekeraho kwirebaho ahubwo tureba Yesu wagaragaje uko Imana imeze.

Mu buzima bwanjye nahisemo imyaka myinshi ishize kugirango n'ibande ku muhamagaro w'Imana ku ubuzima bwanjye kugirango inyobore kandi impe ikerekezo nyacyo. Ni ubushake bwayo ku buzima bwanjye bwonyine bufite icyo buvuze kuri jye. Nahisemo mu bushakke bwayo kuba ariho nibera gusa. Inzira zayo nizo kwizerwa.

*“Wiringire Uwiteka n’umutima wawe wose, we kwishingikiriza kubuhanga bwawe. uhore umwemera mumingendere yawe yose, nawe azajya akuyobora inzira unyuramo.”*  
(Imigani 3: 5-6)

Imana ni ya mbere naho ibindi byose n'inyongera, nuko ubusabane bwange n'Imana ntabwo arinyungu zange ariko kubera ko n'izera yesu nk'umwana w'Imana kandi akaba ankunda kurusha umuntu wese ibyo



nuva aribyigicro cyishi.

Mugihe utangiye kwitoza ubuzima bwo kwigirira icyizere uzatangira kureba no kumva utandukanye. Ishema ryawe rizagaruka kandi uzatangira kwita kubintu byo murugo aho w'uviraga umubabaro mbere. umunezero n'ibyiringiro bizatangira kuzamuka biva imbere muri wowe. izi nimbutu zawe zituruka mu kwakira urukondo rwa yesu mu mutima wawe. Yesu ntabwo ntabwo adukiza icyaha gusa ahubwo adukiza no kurimbuka mugihe tukiri kw'isi. Imigisha izagenda nawe ibihe byose. Ibi byonyine bigomba kuguha ikizere ntukarengere utekereze cyangwa ngo ukomeze kwibuka ibyashize ahubwo ubaka amateka mashya n'Imana. icyiri muri wowe kizatangira kugaragarira inyuma.

Tangira kubaka icyizere witoza utuntu duto buri munsi. Mbyaba ari ukwambara imyenda myiza nkumva bikunyuze kugirango inyure mwisoko / ku muhanda cyangwa kugirana nu muntu ikiganiro cyiza. Rimwe na

rimwe, n'ihatira ubwanjye kuvugana n'umuntu ntazi tukagirana ikiganiro kugirango ndengere umwanya w'umunsi. Bisubizamo imbaraga zokuva ko mfite agaciro kandi ko abantu bankunda. Nkiri muto nahuye nuburakari bwinshi no kwangwa, gukubitwa kw'ishuri ku buryo rimwe na rimwe natekerezaga ko nta muntu unkunda. Iki n'ikinyoma kuko ibyo byabayeho kera kandi Imana yakijije utwo turere twububabare imbere. Ngomba kwitoza ukuri kugeza igihe numva nigiriye ikizere.

Ushobora kwitoza kujya k'urusengero utiyumvamo urubaza rwi byaha byigihe cyashize cyangwa isoni z'ibyo twanyuzemo. Wibuke ko Imana yatubabariye kandi yibagiwe ibyahise bityo dukeneye kureka kubiyibutsa *“Kuko zababarira gukiranirwa kwabo, kandi ibyaha byabo sizabyibuka ukundi”* (Abaheburayo 8:12) Wige kwakira no kwikunda kandi ikizere kizaza kugufasha kuzamura ubugingo bwawe.

Igice cya 6

## **Siga Ikimwaro Inyuma Mugice Cya 6**

Ikimwaro ni ururimi rwa *“Ntabwo ndi mwiza bihagije”* cyangwa *“Sinshobora gukora ibi”* ni ukumva ufite uburemere bwuko waba warakoze nabi cyangwa utarakoze. Ikimwaro n’indwara ya marangamutima yacu ashobora kuyobora ibitekerezo byacu n’ibikorwa. Niyo mpamvu dukeneye Yesu ukuraho ikimwaro kugirango tubohorwe.

Ikimwaro Kizana gucirwaho iteka kandi kinamugaza iherezo ryawe, ikimwaro gishobora no kurimbura abana bawe kuko hari igihe bihimduka uruhererekana bigatuma uhora winegura wowe ubwawe ndetse n’abandi. Baracyakira nabo bagatangira gukora bimwe. Bibiliya idusaba kwigisha umwana izira akwiye kunyuramo. Inzira yuzuye n’urukundo; inzira ya Yesu. Nitwigisha abana inzira bagenderamo z’iteye isoni ubuzima

bwabo buzasa kandi bwumvikane nkubwacu.

Kugira ngo dusenye inzu y'ikimwaro mu buzima bwacu tugomba gutangira kwizera ibyo Bibiliya ituvugaho kandi tugatangira kuba abizera bashishikaye. Igikorwa cyerekana ko wemera ikintu runaka. Dushobora kumenyaa icyo abantu batekereza kandi bizera binyuze mu buryo ba bavuga, babayeho nuko bitwara. Yesu yaradupfiriye twese kugirango aduhe ubuzima bwinshi burimo umudendezo wo kutuvana mwipfunwe ry'icaha ni kimwaro.

Yesu yagize ipfunwe, arababara, arahohotewe, afatwanabi kandi atakaza icyubahiro cye, arashinyagurirwa ngo akorwe n'isoni, atukwa na basirikare ndetse asekwa nabaje kumureba. (*Yesaya 53: 3-5*) Yababajwe kubwacu kandi yikoreye ibyaha byacu byose n'isoni kugirango twe ntibitugereho. Iyo twihanye gukora amakosa azwi no kutizera ubwo noneho ashobora kwikorera imitwaro yacu tumuhaye.

Amasezerano nuko tuzahabwa icyubahiro, ibyiza mu gihugu dutuyemo n'ibyishimo muri twe.

*“mu cyimbo cyo gukorwa n’isoni kwanyu muzagererwa kabiri, mu cyimbo cyo kumwara kwabo bazishimira umugabane wabo. Nicyo gituma mu gihungu cyabo bazagabirwa kabiri, bazagira umunezero uhoraho.” (Yesaya 61: 7)*

Yesu ku musaraba yavunaguye umwuka w’ikimwaro n’imbaraga zacyo. Ikimwaro kizavuga ko ntacyo bitwaye ariko Imana data ibivuga ukundi. Yesu yaravuze ati nu senga ujye uvuga uti *“Data uri mw’ijuru” ibi bihinduka umusingi wabo turibo ; abana b’Imana ihoraho.*” Umwuka w’Imana ubwe ahamanya n’umwuka wacu yuko turi abana b’Imana, 17 kandi ubwo turi abana bayo turi n’abaragwa, ndetse turi abaraganwa na kristo niba tubabarana nawe ngo duhanwe bwiza nawe. (*Abaroma 8:16-17*) Imana data itubona neza. Noneho iki gitekerezo gikeneye guhinduka ukuri kwacu.

Tugomba gukanguka muri twe tukamenye ko dukunzwe kandi dushakishwa noneho isoni nta burenganzira zidufiteho nkuko n'icyaha kitadufiteho ububasha.

*“Ntacyadutandukanya n'urukundo rw'Imana Kuberako nzi neza ko nta rupfu cyangwa ubuzima, yaba abamarayika cyangwa abadayimoni, haba muri iki gihe cyangwa ejo hazaza, cyangwa imbaraga zose, nta burebure cyangwa ubujyakuzimu, cyangwa ikindi kintu cyose mu byaremwe byose, kidashobora. Kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu ”. (Abaroma 8:38-39).*

Niba tubayeho dutinya kwangwa n'Imana cyangwa abandi bantu noneho isoni zatsinze kandi zishobora kutubuza gutera imbere no kwishimira ubuzima bizagira ingaruka ku kwihesha agaciro kandi bizagira ingaruka kumiterere y'imibanire yacu. Ikiyoma cy'icyaha n'ikintu tugomba kumenya ko kiza mugihe icyaha cyihanywe kandi kikababarirwa.

Satani azatuma ibitekerezo byawe bikomeza kwibutswa iby'icyaha niyo mpamvu dukeneye kumenya icyo Bibiliya ibivugaho byose kandi tukabaho mukuri.

Bibiliya ivuga ko nta gucirwaho iteka kwabari muri Kristo Abaroma 8:1.

Imiterere yo gushijwa kundashingiye kukuri bireba ku cyaha cyose, by'ibanda kugutekereza ku byaha byahise noneho ibyiyuviro byo gushijwa icyaha biraza bikaguhindukira icy'imwaro.

Intambara ishingiye cyane ku bushobozi bwo kwitandukanya nigihe cyahise kugirango tubeho mu buzima no mu nzira yo kuvuka bushya imana idukingurira twese.

## **IKIMWARO**

Nyuma yuko tumaze kubona ibyerekeranye no kugira urubanza mu mutima no gushizwa ibinyoma dukwiye kumenya noneho ingaruka bizana. Kwibyerekeye kugira ikimwaro tuzabona ko ari ibyiyuviro biterwa

nibyho twigeze gukora. Ni umutego wo gushijwa icyaha urema igihome gikomeye cy'ikimwaro bikaba ari nayo mpamvu kwakira imbabazi ziva ku Mana no kwibabarira ubwacu ari urufunguzo rwo guhembuka ku buzima bwacu *“nkaswe amaraso ya kristo witambye Imana atagira inenge ku bw'umwuka w'iteka, ntazarushaho guhumanura imitima yanyu akayezaho imirimo ipfuye, kugirango mubone uko mukorera Imana ihoraho ?”* (Abaheburayo 9:14)

Nkuko urugamba ruri mubitekerezo byacu dufata inama za Bibiliya tugasenya igihome dukoresheje amasengesho no guhagarara kubyo Bibiliya ivuga. Ati: *“kuko Intwari z'intambara yacu ari izabantu, ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no gukubita hasi. Dukubita hasi impaka n'ikintu cyose kishyira hejuru kurwanya Imana, dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose ngo tubigomorere kristo”.* (2 Abakorinto 10: 4-5)

Satani arashaka ko wumva umeze



nku watsinzwe nu munyabyaha kuko adashaka ko tubaho mubyiza by’Imana. Agerageza kwambura Imana icyubahiro cyayo kandi nidufatwa mu mutego w’ikimwaro tuzananirwa guhimbaza Imana bityo izaba yambuwe icyubahiro cyayo kandi nu mudendezo wacu muri Kristo tuzaba tuwambuwe. Ntabwo ari Imana ahubwo natwe twemera ibinyoma by’umwanzi w’Imana; Satani.

Ubutumwa bwiza ni Imana yamyeye iduteganyiriza uburyo bwo kutugabirira mugihe cyose twakiriye ubwo bugabirizi tuzabaho mu gakiza kacu *“twegerere dufite imitima y’ukuri twizera rwose tudashidikanya, imitima yacu iminjiriweho gukurwamo kwimenyaho ibibi, n’imibiri yacu yuhagijwe amazi meza.”* (Abaheburayo 10:22)

Intumwa Pawulo ugaragara mw’Itorero rya mbere yari afite umutimanama utamucira urubanza nyamara mw’ibuke ko yari yategetse kwica abakristu benshi. yagombaga kuba yarumvaga yicira urubanza kandi

afite n'ikimwaro nyamara yari azi Yesu  
kandi yari yahisemo kubabarirwa aho  
gukomeza kuba umwiyemezi “Imana  
nkorera nkurikije ba sogokuruza  
mfite umutima utacira urubaza, ni yo  
nshimira yuko nkwibuka ubudasiba  
uko nseze kumanywa na nijoro”<sup>2</sup>  
Tim 1: 3. Yesu ashobora guhindura  
ubuzima bwawe rwose uramutse  
umwizeye ugahitamo no kumukurikira.

## **Nigute ushobora kubohaka**

Reka gutekereza ku byahise.  
Tugomba gutoza ubwenge bwacu icyo  
gutekereza cyangwa bizatuyobora  
mu misozi myinshi tudakeneye  
gutembera. Gutekereza kw'ijambo  
ry'Imana ni nk'umuti w'ubugingo  
bwawe. Gutekereza ku kintu kitakiriho  
nkuko byari bimeze kera ntabwo  
bifasha. Ibyiza nu kubaho mu kuri kuje  
impuhwe mu mutima w'Imana.

*“Izaduhindukirira kutugirira ibambe,  
izatabara ibicumuro byacu munsi  
y'ibirenge byayo.*

*Kandi uzarohera umuhengeri w'inyanja ibyaha byabo byose". (Mika 7:19)*

Tangira guhimbaza Imana kubwi bisubizo yaguhaye yatwaye imitwaro yacu yose kandi izakomeza kubikora mugihe tukinyura murubu buzima. Bibiliya ivuga ngo umutwaro wawe w'uhe Yesu. Imana yahanaguyeho ibyaha byacu rero tugomba kwidegembya kandi ntubeho nk'umucakara w'ibintu wakoze, ahubwo dushime ko dufite umudedezo. *"Kuko nzabababarira gukiranirwa kwabo, kandi ibyaha byabo sizabyibuka ". (Abaheburayo 8:12)*

Gutandukanya ibyahise byawe n'ikintu cyingenzi ugomba gukora. Ushobora gukenera guhindura abantu mukunda kugendana cyangwa aho utuye kugirango wihe amahirwe yo kugenda wisanzuye bitandukanye nuko waruzwi mbere. Bizaterwa nawe nibyo ubona bishoboka. Imana ishobora gukingurira umuryango wo kwimuka. Genda ukora ibyo *"Bene Data, sinibwira yuko maze kugifata, ariko*

*kimwe cyo nibagirwa ibiri inyuma, ngasingira ibiri imbere". (Abafilipi 3:13)*

Imana ntishaka ko amateka y'ibyahise byawe agena ejo hazaza hubuzima bwawe.

## **Ibihome bibiri bisanzwe**

1) Kubona Imana nabi (umuyobozi, umujinya, ubugome, ubukoje, kutitaho).

2) Kwibona nabi (ipfunwe, kwibona uciriritse, no kutigirira icyizere).

Ibi bihome byombi bishobora kutubuza kugenda nta narubaza nta n'ikimwaro dufite. Imana ni urukundo. Yaremye ikiremwamuntu kubera urukundo yari idufitiye kandi yadukijije ku musaraba wa Yesu kuko nanone kuko idukunda. Tekereza kuri ibi hanyuma utangire kubyizera mu mitima wawe. Imana ntabwo irakaye yacunguye amakosa yose nkora binyuze kumusaraba kuburyo iturebera gusa mu maso y'ubuntu bwuje urukundo. Noneho tangira

kwibona wenyine muri ayo maso  
hanyuma uzamure amaso yawe.  
Ishimire uwo uri we kandi wicishe  
bugufi imbere y’Imana uzabona  
Kubohorwa.

## Igice Cya 7

### **Yesu n'Imbabazi**

Kwifunguro rye rya nyuma na bigishwa, Yesu yari azi uzamurwanya kuko ya somaga ibitekerezo byabo. Ibi wa bisoma muri Matayo 16: 5-12 na Matayo 9:4-6. Iyo inkuru y'umugoroba wanyuma wanayisanga muri Luka 22: 7-23.

Turabona Yesu ababarira Yuda na mbere y'uku gusangira bwa nyuma na bigishwa be. yari afite ubushobozi bwo kubabarira ibyaha.

*“Ariko nimumenye yuko umwana w'umuntu afite ubutware mu isi bwo kubabarira ibyaha”.* (Mariko 2:10)

Ntiyigeze amaushyira ahagaragara, amushinja, amubuza cyangwa ngo amurakarire muri 1 Petero 4: 8 tubona impamvu “ikiruta byose mukundana cyane kuko urukundo rutwikira ibyaha byinshi” Yesu yakomeje kumukunda nkuko akomeza gukunda natwe. Ubu nkuko Kristo atuye muri twe natwe dushobora

guhitemo kubabwirira abaducumuraho. Yesu yaduhamagariye kubaho muri ubu buryo. *“kuko ni mubabwirira abantu ibyaha byabo, na so wo mu ijuru azabwirira ibyaha byanyu”*. (Matayo 6:14)

Muri Matayo 27: 5-6 tubona Yuda yihana abonye Yesu yaciriwe urwo gupfa aherako asubiza amafaranga ariko ntiyashobora kwibabwirira rwose. Agwa mu kababaro kijimye, arigunga ahitemo no kwiyahura. Iyi n'inkuru ibabajwe y'umuntu wageragejwe n'amafaranga hejuru yubucuti bwe na Yesu hanyuma ntashobore kubaho ni ngaruka zubuhemu bwe; ntiyashoboraga kw'ibabwirira kandi yabajwe ni pfunwe n'ikimwari. Ndibaza niba iyi nkuru yashoboraga kugira iherezo ritandukanye ariko ikigaragara nuko idukorera umuburo wo kujya twibabwirira ubwacu.

## **Kubabwirira Ubwacu**

Mugihe Yuda atashoboraga kwibabwirira hariho indi nkuru ya

Petero umwigishwa wa wakundaga Yesu Luka 22:31-32. Tubona ko Petero ahakana ko yari azi Yesu igihe yabazwaga n'abayobozi. Yarabeshye kubera ubwoba ati: "Ntabwo muzi" kandi nyamara yari ahari igihe Yesu yafatwaga yatemye ugutwi k'umusirikare. Yari azi Yesu neza kandi yari yarasezeranyije ko azamubera indahemuka. Tekereza uko yumvaga navuga ko yumvaga yicira urubanza cyane kandi yuzuye kwicuza kubera kumwihakana. Yesu yari yaraburiye igihe ya buriraga Yuda ko Satani agiye ku mugerageza nyamara biramunanirana.

Inkuru nziza igaragara muriyi nkuru ibabaje nuko muri Yohana 21 tubona Petero yababariwe atari mu magambo ahubwo yongeye mubikorwa no kuyobora nkuko kimwe na Yuda ntaho havugwa icyaha cyangwa gushinjwa ubugambanyi kuko Imana ireba mu mutima ariko twabikora twareba uko ibintu bimeze tukagira uburakari. Ariko Uwiteka abwira Samweli ati *"Nturebe mu maso he cyagwa ikirere cye ko*



*ari kirekire namugaye, kuko uwiteka atareba nkuko abantu bareba. Abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko uwiteka we areba mu mutima.” (1 Sam 16: 7)*

Itandukaniro riri hagati ya Petero na Yuda nuko umwe yi babariye undi ntiyabikoze. Bisaba ubutwari kugirango wibabarira kuko tugomba kwizera ijambo ry’Imana. *“Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa”.* (1 Yohana 1: 9) Kwibabarira ubwacu ni amahitamo. Iyo tumaze kwihana mu gusenga Imana ntampamvu yo kutibabarira. Niba wifuza guhesha umugisha umuntu wababaje buri gihe n’ikintu cyiza cyo gukora.

Kutibabarira ubwacu bivamo ikimwaro, kwicira urubanza, ipfunwe no kwicuza biganisha ku kwiyumva uruwagaciro gake bishobora kuba bifite ingaruka zo kwigunga, guhangayika ndetse no kwiheba amaherezo ibi bizagutera intege nke ku bantu bashaka kungukira

muri zantege nke zawe. Kubabarira bishobora gukiza amarangamutima yacu bikaduha ubushobozi bwo gukunda abandi no kwikunda bikongera kugarura amahoro yimbitse mu bitekerezo no mu mutima hamwe nu munezero. Dushobora kurinda imitima yacu kudasubira inyuma gutora uburemere bwo kutababarira dukora ibyo Bibiliya ivuga gushira intera hagati y' ibitekerezo byawe na hahise hawe kandi ukomeze kwibanda ku murimo wa Yesu mu mibereho yacu *“Bavandimwe, sinibwira yuko maze kugifata, ariko kimw cyo nibagirwa ibiri inyuma, ngasingira ibiri imbere, ndamaranira kugera aho dutanguranwa, ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw’Imana muri kristo yesu kwavuye mu ijuru”*. (Abafilipi 4:13)

Yesu yababariye ibyaha, kumusaraba ya basabiye kubabarirwa asaba data kubabarira. Igihe yapfaga yabikoze nk’umuntu kandi yatweretse isengesho ryo gusenga mugihe abandi batubabaje. Mureke twe kwikorera

ububabare mugihe tutagomba. Ubu yaduhaye amahirwe amwe yo gukora ibyiza aduha Umwuka Wera gukora binyuze muri *“Yesu yongera kubabwira ati: amahoro abe muri mwe.uko Data yantumye niko nanjye mbatumye. Amaze kuvuga atyo abahumekeraho ati ‘nimwakire umwuka wera’.Abo muzababarira ibyaha bose bazaba babibabariwe, abo butazababazrira bose bazaba batabibabariwe”*. (Yohana 20: 21-23) Mbega umugisha ukomeye dushobora kubera abatubabaje ndetse natwe ubwacu kuko gutwara kutababarira bidufungira muri gereza y’uburakari nu bubabare.

Nigute ushobora kumenya niba wababariye? Birashoboka ko tutazakomeza ibintu, abantu, ahantu, ibyabaye cyangwa ibihe bitazongera kubaho imyitwarire y’akarengane. Fata umwanya utekereze ahahise hawe hanyuma uze ku Mana mu masengesho usige abo bantu bose, ahantu hamwe ni byabaye ku musaraba wa Yesu Kristo; Umwami n’Umukiza wacu.

## **Ibibazo byo gushakisha**

Ni izihe nzika zizwi ni zitazwi wafashe ukagundira mubitekerezo no mutima wawe?

Ushobora kubona impuhwe muri wowe kugirango ureke abantu, ahantu, ibyabaye n'ibihe?

Ni ubuhe buryo bwo kwigobotora muri ibyo bintu?

Urashaka kuvugana n'Imana uyu munsi kuri ibyo bintu kandi ukizera ko azakemura ibibazo bibakikije?

Dushobora kubisanga muri twe kubabarira abantu natwe ubwacu? Ntabwo bisa nk'inkuru yambayeho mu ntangiriro. Ntabwo bisa nko guhangana n'umuntu nkuko biri mu nkuru. N'ibintu bigendanye ni mitekerereze kuruta ibindi byose. Tangirira ku kwakire kubabarirwa

n’Imana binyuze muri kristo nuko utangire no kubigeza ku bandi.

Dushobora kumenya noneho icyo Bibiliya isobanura iyo imvuze ati abababariwe byinshi batezweho byinshi, *“Nicyo gituma nkubwira yuko ababariwe bya byaha bye byinshi, kuko yagize urukundo rwishi. Ariko uwababariwe bike, akunda bike” (Luka 7:47)* Reka ntitumarire igihe cy’ubuzima bwacu bwose ku by’urukundo ahubwo dukore ibyo Bibiliya ivuga nuko tuzaba tubaye abakurikira Yesu rwose” urukundo ntirwandika amateka y’ibibi. (1 Kor. 13: 5)

## **Uburyo bwo**

1. Reba ibiva mu kanwa kawe- uwo uvuga ni nde? ese nuwo ukuzamura cyangwa duhora dusebya abandi tukavuga ku bikorwa bibabaje.

2. Ihane: fata icyemezo cyo gutuza mu mutima wawe ugiye kuryama.

3. Senga kugirango Imana igufashe kugira ubushobozi bwo kubabarira

nkuko ibikora.

4. Witoze kubabarira umuntu, ese  
ushobora kwibona ukora ibintu  
bitandukanye hafi yabo, ese  
ushobora kwibona ubakorera ikintu  
cyiza ntugaragae icyubahiro kuko  
n'ikimenyetso gikomeye cyerekana ko  
ugendera mubuzima bwo ku babarira.

# Ubura Amaso Yawe

